**CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA**
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél.** : (250) 789 55 08 48
**E-mail:** eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**UBUTUMWA BWO KU MUNSI WA YUBILE Y'UKWIYEGURIRIMANA**
**KIBEHO 02/02/2025**
**« Abiyeguriyimana, abahamya b'amizero, ubuvandimwe n'amahoro mu bantu »**

Bakristu bavandimwe,
Biyeguriyimana,

1. Uyu munsi Kiliziya yizihizaho iturwa mu Ngoro rya Yezu Umwana w'Imana, uhuriranye muri uyu mwaka wa 2025, n'ihimbazwa rya Yubile y'iyo ngabire itagereranywa y'ukwiyegururirimana, mu rwego rwo kwizihiza Yubile y'impurirane y'imyaka 2025 y'ugucungurwa kwa bene muntu n'iy'imyaka 125 Inkuru nziza imenyekanye hano iwacu mu Rwanda. Yubile nziza kuri mwese, cyane cyane mwe mwiyumvisemo kandi mukakira uwo muhamagaro, ndetse no ku bawiyumvamo bakaba bagishakashaka, umunsi ku munsi, inzira n'uburyo bwo gutera intambwe ngo birekurire batizigamye Kristu ubahamagarira kumukurikira no gukomeza ubutumwa bwe bwo kogeza Ingoma y'Imana.

2. Bavandimwe, kwakira umuhamagaro w'ukwiyegururirimana ni uguhitamo kuba uwa Kristu, kuba nka Kristu, kumukurikira no kumwamamaza igihe n'imburagihe, kabone n'ubwo byagusaba kubabara nk'uko we ubwe yababaye (reba Mt 20, 22-23), kugira ngo ushobore kumubera umuhamya w'indahemuka kugera ku ndunduro. Gukurikira Kristu, gusa na We, ni ukuzinukwa ibindi byose ugahitamo We wenyine ubutamuvaho, kuko ari We bukungu butagereranywa, nk'uko Petero yabihamirije Kristu ati "*Nyagasani, twasanga nde wundi, ko ari wowe ufite amagambo y'ubugingo bw'iteka*" (Yh 6, 68). Ukwiyegururirimana ni ubutorwe bwihariye Kristu aha abo ahamagarira bose kubana na We, akabatuma (reba Mk 3, 14) kandi bakajyana, kuko agira ati "*Dore kandi ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza igihe isi izashirira*" (Mt 28, 20).

3. Iturwa Imana mu Ngoro ry'Umwana Yezu ryahishuraga irangamimerere ndetse n'ubutumwa bw'uwo Mwana udasanzwe. Buhoro buhoro, byagiye bigaragara ko uwo Mwana ari Imana yaje mu bayo ariko bo ntibayimenya, Jambo w'Imana, Urumuri nyarumuri isi itabashije kumenya (reba Yh 1, 9-10). Bityo rero ukwiyegururirimana ni ukubera isi urumuri, kugaragaza Kristu We Rumuri nyakuri. Ni ukwitanga wese utizigama, ukitura Imana yo Nyagukundwa kuruta byose. Ni ukwigana Kristu no kumwisunga, gusanisha no guhuza imimerere n'ubutumwa byawe n'ibye, wegukiye Nyagasani ubutisubiraho. Nk'uko byagarutsweho mu butumwa bwo ku itariki ya 2

Gashyantare umwaka wa 2024[1], abiyeguriyimana bahamagariwe kuba urumuri kandi batumwe kumurikira abandi kugira ngo barebe ibyiza bakora, bakurizeho gusingiza Data uri mu ijuru (reba Mt 5, 16).

4. Muri iki gihe duhimbaza Yubile y'impurirane, ni ngombwa ko tuzirikana by'umwihariko iyo ngabire y'ukwiyeguririmana, ubutumwa n'imbuto yera muri Kiliziya, cyane cyane hano iwacu twifashishije ibango uyu munsi w'uguturwa Imana mu Ngoro utwaye, ndetse n'insanganyamatsiko yawo igira iti « *Abiyeguriyimana, abahamya b'amizero, ubuvandimwe n'amahoro mu bantu* ».

5. Biyeguriyimana, nimwishimire ubutorwe bwanyu kuko mutwaye Kristu. Nimumugeze aho bataramumenya kandi mumuzanire abagishidikanya, bave mu gihirahiro babone urumuri nyakuri. Abarushye, abaremerewe n'abihebye mubabere abahamya b'amizero mufite muri Kristu, nk'uko na Nyirubutungane Papa Fransisko abidushishikariza twese muri iyi Yubile[2]. Bityo ubukristu bushingiye ku isano isumba iy'amaraso bubyarire isi n'abayituye ubuvandimwe nyabwo, bwo shingiro ry'umuhamagaro wanyu. Kristu ati "*Icyo bose bazamenyeraho ko muri abigishwa banjye ni urukundo muzaba mufitanye*" (Yh 13, 35).

6. Yubile ni igihe cyo gushimira Imana, gusubiza amaso inyuma, gusaba imbabazi no kuzitanga bityo tugafata ingamba zikwiranye n'ibihe turimo bigenda byigiza Imana ku ruhande. Nibabere umwanya ukwiye wo kwisuzuma no gushimangira itegeko rishya ry'ubatora akabatuma, ngo mumubere ibimenyetso bizima mu bantu, We rukundo rudakama.

7. Biyeguriyimana, nimube koko abatera amahoro kuko abameze batyo bazitwa abana b'Imana (reba Mt 5, 9). Iyi Yubile nibafashe kurushaho kwimakaza amahoro mu ngo zanyu, mu bo mubana ndetse no kuyabiba mu mbaga y'Imana mutumweho. Nimwunge imbaraga zanyu ku z'abashumba b'ubushyo bwa Nyagasani, mu nzego zinyuranye za Kiliziya ye, maze mu bufatanye bwuje ubwubahane n'urukundo, muharanire ko amahoro aganza mu batuye isi bose[3].

8. Iwanyu mu ngo, nimugire imibanire myiza kandi muharanire n'indi migenzo ishyigikira ukurera, ugukura n'ukwisanzura by'impano y'ukwiyeguririmana mwifitemo. Ibyo bizatuma uwo muhamagaro ushinga imizi muri mwe, buri muntu ku giti cye ariko no muri rusange nk'abavandimwe mwatorewe mu muryango umwe. Nimukomere, mushinge ibirindiro, mwubahirize ubutisubiraho amasezerano mugirira Uhoraho mu budahemuka, kuko na We ari indahemuka (reba 2Tim 2, 13; 1Tes 5, 24). Ibi bizagabanya icyorezo cyo *kudashikama ku*

---

[1] Nyiricyubahiro Myr Célestin HAKIZIMANA, *Nimugende mutumire mu bukwe abantu bose (reba Mt 22, 9)*. Ubutumwa bugenewe umunsi mpuzamahanga w'abiyeguriyimana ku wa 2/2/2024, 17

[2] Papa François, *Spes non confondit. Bulle d'indiction du Jubilé ordinaire de l'année 2025* (9 mai 2024), n° 10

[3] *Mutuae relationes sur la vie consacrée*, 45

*muhamagaro* no *kuwusohokamo* cyugarije abiyeguririmana n'imiryango barimo, cyane cyane abakiri bato[4]. Ibihe abantu banyuramo rimwe na rimwe biragorana ariko ntagucika intege, Kiliziya Umubyeyi ibari hafi, kugira ngo mu rugendo turimo hamwe na Kristu waducunguye dufatanye kandi duterane inkunga mu bumwe no mu butumwa bw'abana b'Imana nk'uko Sinodi y'Abepiskopi yabidushishikarije[5].

9. Biyeguriyimana, mwihihibikanira ibyo isi ishukisha abantu, ngo muhangayikire ibitagira shinge nk'abatagira amizero, ahubwo nimurangamire Kristu, imanzi, umukene waranzwe n'ukumvira Imana Se[6]; maze ukumwiyegurira ubudasubira inyuma kwanyu, kube igitambo cyiza n'ituro mumutuye, bityo Uhoraho azabiture karijana ibyo muzaba mwarigomwe mubigiriye Ingoma y'Imana (reba Lk 18, 29-30). Ibyo bizabe ingabire y'iyi Yubile y'impurinane, maze bibatere ishema n'ishyaka byo guharanira kuba koko abahamya ba Kristu mu bantu, nk'uko abashumba ba Kiliziya yo mu Rwanda babibifuriza bagira bati « *Abiyeguriyimana mu Miryango inyuranye ni impano Imana yahaye Kiliziya. Turabasaba kurushaho kuba hafi y'umuryango w'Imana bafatanye urunana n'abawugize bose bityo impano zabo zikarushaho kwera imbuto rwagati mu bantu* »[7].

10. Bakristu bavandimwe, babyeyi, barezi nimurusheho kugira uruhare mu kubyutsa no kubungabunga impano y'ukwiyeguririmana yahawe Kiliziya, mufasha abakiri bato kumva ijwi ry'Imana no kumenya kuriha igisubizo gikwiye. Dusabire abiyeguriyimana: Dawe Mana yacu, tugushimiye impano y'ukwiyeguririmana wahaye Kiliziya. Turasabira abiyeguririmana bose ingabire y'ubudahemuka. Bahe kuba abahamya b'urukundo rwawe n'ibimenyetso by'Ingoma yawe muri iyi si. Bakomezemo umutima w'urukundo, bahore bakurangamiye wowe wabagiriye ubuntu ukabatora ku bwende bwawe. Komeza witorere muri Kiliziya yawe abitangira kwamamaza Inkuru Nziza Umwana wawe Yezu Kristu yatuzaniye; maze Ingoma yawe y'urukundo yogere hose. Tubigusabye ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu.

Bikira Mariya Nyina wa Jambo, urugero rw'abiyeguriyimana adusabire.

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C.E.P.R.
B.P.357 Kigali
Rwanda
COMMISSION

✠ **Selesitini HAKIZIMANA**
Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro akaba na
Perezida wa Komisiyo y'Abepisikopi Ishinzwe Abihayimana

---

[4] Cf. CIVCSVA, *Le don de la fidélité et la joie de la persévérance*, 27 mars 2020, 2

[5] Reba intego ya Sinodi y'Abepiskopi: *Kiliziya iri mu rugendo mu bumwe, mu bufatanye no mu butumwa*

[6] *VC, 1*

[7] CEPR, « *Twitegure guhimbaza imyaka 2025 y'ugucungurwa kwacu n'imyaka 125 Inkuru nziza igeze mu Rwanda* ». Ibaruwa y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda itangaza Yubile y'impurirane yo muri 2025, Kigali, 30 Ugushyingo 2023, 8